NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

Kigali, ku wa 19/06/2023

N°.522./NESA/2023

**Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)**
**Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere (Bose)**

**<u>Impamvu</u>: Isubikwa ry'amahugurwa yarateganyijwe tariki 24 na 25 Kamena 2023**

Madamu/Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku ibaruwa N° 447/NESA/2023 yo ku wa 16/05/2023 Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi by'Amashuri (NESA) yandikiwe abayobozi bose b'Uturere, abasaba kwemerera Abagenzuzi b'Uburezi ku rwego rw'Umurenge (SEIs), ndetse n'abayobozi b'ibigo by'amashuri (HTs) kuzitabira amahugurwa ku b'Ibipimo by'Uburezi yari ateganyijwe tariki 24 na 25 Kamena 2023;

Nshingiye ku ngengabihe ndetse n'amabwiriza agenga ibizamini bisoza igihembwe cya gatatu cy'umwaka w'amashuri wa 2022-2023, aho bigaragara ko Umuyobozi w'Ikigo afite inshingano ndasimburwa muri iki gikorwa; mbandikiye mbamenyesha ko amahugurwa yari ateganyijwe ku matariki yavuzwe haruguru yimuriwe tariki 8 na tariki ya 9 Nyakanga 2023. Tubashimiye uburyo mubyakiriye neza.

Mugire amahoro.

**Dr. Bernard BAHATI**
Umuyobozi Mukuru

**<u>Bimenyeshejwe</u>**:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ikoranabuhanga, Imyuga, n'Ubumenyingiro
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburezi

National Examination and School Inspection Authority
P.O. BOX 1382 Kigali, Rwanda
Toll Free No.: 9070
info@nesa.gov.rw
www.nesa.gov.rw